I. UTURANGO TW'IKESHAMVUGO MU BUSIZI NYARWANDA BW'UBU

(Salvator Uzabakiriho)

Mu mashami yose y'ubuvanganzo nyarwanda ubusizi bushobora kuba ari bwo bwaryamiye ayandi mu gukoresha ikeshamvugo. Dore bimwe mu bimenyetso shingiro by'inganzo nyarwanda:

I.1.INJYANA

Injyana ni nk'umutima w'ubusizi. F-M. Rodegem avuga ko nta busizi nyabwo butagira injyana. Ako gaciro k'ikirenga ari ko injyana ihabwa, usanga Abanyarwanda basa n'abagakabiriza kurusha abandi bigatuma injyana ihinduka umusumba mu busizi bwabo mbese nk'uko ihuzantondeke rimeze mu busizi bw'Abafaransa.

Ingero: Injyana y'utubeshuro12

Ndagukumbuye juru ry'i Buhoro =12
Reka nguhunde ibihozo urwunge =12
Urwo rwungikane rwo mu bihumbi =12
Nirujya kwitsa igihumurizo =12
Nze guta impumu nkomeze mpimbe =12
Mpuze inganzo y'abampaye =12
Kubona izuba banyita izina =12
Rikoma ku izima ry'abarenze =12

[…] Rugamba S., 1981, *Cyuzuzo* p.112.

Koko Rugamba yagabiwe na benshi maze izo agabiwe ntizapfa umukeno zimuha umukiro aratengamara. Injyana Nda akesha Ndangamira, yamuvuburiye imvugo urwunge itatse ubwiza.

Urugero:*Dore intango santango =10*
Utasanga yikorewe =10
N'umugenzi umwe rukumbi =10
Kuko ibumbye mu rukundo =10
Rudakurwa aho ruteretse =10
N'abataje ari impanga =10

[…] Rugamba S., 1979, *Amibukiro*, p.53

Rugamba kandi nta cyo apfa na Nkibiki, anakoresha cyane injyana ya Nki y'utubeshuro 9. Nkibiki ni we wamworoje iya cyenda yanga ko icyendera. Yarahamagaye maze iyo njyana imwumva bwangu ayicuranga kurusha inanga ngo akunde atake uwamwizihiye yise « *Umwari wa Mudatinywa* » amuhunda ibizinzo ngo nabona yizihiwe abone gusezera ku musango.

Urugero : *Singusize ndanyarutse =9*
Nzaba nza kugusura =9
Ngusigiye abadasumbwa =9
Abo dusangiye isano =9

[…] Rugamba S., 1979, *Umusogongero*, p.191

Birumvikana ko atari Rugamba na Kagame gusa bakurikije izo njyana (Bi, Nki na Ndi), mu bandi bimakaje injyana y'akarasisi(utubangutso 12) twavugamo F-X. Gasimba cyane cyane mu bitabo bye bitatu: *Isiha rusahuzi, Icyivugo cy'imfizi , n'Indege y'ubumwe,* aho usanga muri ibyo bitabo , ikigamijwe ari uguterana ubuse mu murongo umwe n'*Indyoheshabirayi* ya A. Kagame na yo igendera uwo mugendo. Abazikoresheje bandi nk'uko Dogiteri Nkejabahizi J.C. abivuga, basa n'ibyabagwiriye, bo si ngombwa kubarondora ngo duce imitaga.

Usibye izo njyana eshatu tuvuze haruguru, hari izindi njyana dukesha Rudakenesha, we akaba ari uwo mu busizi bushya , yavutse ku ngoma ya cyami aranayisingiza , avuga iby'inka, ariko ibisigo bye byinshi usanga byerekeza ahandi. Mu cyo yise *"Amagorwa y'abagabo"* avugamo ingorane yagize, iminsi ikamuribata, abategetsi bamukiniraho, rubanda imuha urw'amenyo. Naho mu *"Musanganya,"* "*Mutima uturwa amasengesho* ", *"Urukundo rwa Yezu"*, ho yivugira iyobokamana ku buryo wumva ko inganzo ye ifite irindi bara. M. Rudakenesha ni we wahingukanye bwa mbere injyana y'utubeshuro umunani n'iya turindwi. Cyakora izo njyana na zo Rugamba yaje kuzitora ziramukundira arazikoresha akaba ari na yo mpamvu twavuze ko yagabiwe na benshi. Injyana y'umunani ni yo yitirirwa gusa, <u>Ru</u>, kuko ari yo yatahuwe mbere. Mbonyimana G., wayisesenguye , atubwira ko muri muzika ihwanye n'igipimo cya 2/4 ubwoko bw'ifatizo bwayo akaba ari ubwo bita "rythme dactylique". Iyo njyana Rudakenesha yayikoresheje ku buryo nyabwo mu gisigo *"Amagorwa y'abagabo"* ari naho twakuye iyi mikarago:

Ndakomeza ndataha =8
Aho nsanze agacucu =8
Nkahicara umwanya =8
Abagenzi duhuye =8
Bakambaza iyo njya =8
Nti"ahitwaga iwanjye" =8
Mu kangaratete =8
Ni hino y'itaba =8
Hatazi umuraro =8
Wabaye mu Rwanda =8

Iyo njyana yaje kogera cyane igihe C. Rugamba na we ayishimye akabigaragaza mu gisigo kitagira uko gisa, ubu cyogeye mu mashuri, cyitwa "*Ibyiruka rya Mahero*".

Injyana ya kabiri y'utubeshuro turindwi twayivumbuye mu gisigo M. Rudakenesha yise "*Intwari yuzuye izira inenge"*.

Ateke aruhuke = 7
Tumuhe ibihembo=7
Ntuye icyo mbasha =7
Niba urukundo=7
Rwagira ikindi =7
Cyagera hirya =7
Nakibatanga =7

[…] Rudakenesha, 1984, "*Amagorwa y'abagabo*","*Abambari b'inganzo ngari",* p.190

N.B.: Iyo bapima injyana mu mikarago babara utubeshuro cyangwa utubangutso tuyigize. Mu kubara utubeshuro, ahari umugemo utinda habarwa utubeshuro tubiri « _ » naho ahari umugemo ubangutse hakabarwa kamwe "U". Inyajwi ihera umukarago udasozwa n'akabago, akabazo cyangwa agatangaro iburizwamo, ni yo mpamvu inyajwi itangira umukarago, ukurikiye umukarago udaherwa n'utwo twatuzo itabarwa. Ikindi kandi mu kubara utubeshuro iyo inyajwi ebyiri zikurikiranye, iya mbere iburiramo hakabarwa iya kabiri "liaison".

I. 2. ISUBIRAJWI

Ubundi isubirajwi ni isubiramo rya hafi ry'imvugwarimwe ifite indi iyibanziriza zisa cyangwa zijya gusa cyangwa ijwi na ryo rifite irindi riribanziriza bisa cyangwa bijya gusa, ku buryo bibyara ikintu cy'urujyano mu kuryohera amatwi cyangwa bikagira icyo byibutsa mu wubyumva. Abasizi b'abanyarwanda ntibatangwa mu kubikoresha, yaba uwatonesheje inganzo ya rubanda cyangwa uwabaye ikirangirire ibwami (umusizi, umwisi, umuhimbyi) ari n'uw'ubu ugifuragurika cyangwa se akaba azobereye, bose yababereye ishyiga ry'inyuma.

Mu bimenyetso by'ingenzi bigaragaza isubirajwi harimo inyajwi, ingombajwi, inyajwi zituzuye, uburambe n'imihanikire by'ijwi. Mu Kinyarwanda ariko kubera ko usanga kenshi nk'inyajwi zituzuye n'izuzuye zidakunda kuvugika zonyine, keretse wenda mu ntangiriro y'amagambo, dusanga ibyiza ari uko umuntu yavuga ko isubirajwi rikunda kuba rigizwe n'ingombajwi: ingombajwi ikurikiwe n'inyajwi cyangwa se ingombajwi n'inyajwi ituzuye.

Muri uko gukoresha isubirajwi, usanga abahanga bazi kurishakira umwanya uboneye riziraho. Iyo isubiramo ry'ijwi rimwe rigenda ribera mu mwanya umwe w'imikarago bibyara injyana twakwita ko ari iy'isubirajwi. Amahuzantondeke ashingiye kuri ubwo buhanga. Dore imyanya y'ingenzi isubirajwi rishobora kubonekamo:

a) MU NTANGIRIRO Y'IMIKARAGO CYANGWA Y'AMAGAMBO AZA KIMWE.

Ingero: *Ij**i**sho ly'urulimi lijya hanze*
*Ij**u**ru **li**kwiramo icyezezi*
*Ijuli **l**ikimukira urukêra*
[…] Kagame, 1953*, Umulirimbyi wa Nyili-ibiremwa.*

***Zi**za mu ishakaka*
***Za**maze kwikunda*
***Zi**kora mu birere*
***Z**irega igituza*

***Z**itaka amasimbi*
[…] Rugamba, 1979*, Umusogongero*, p.204.

b) ISUBIRAJWI RY'UMUSHUMI:

Ni igihe imvugwarimwe isubirwamo mu ijambo risoza umukarago no mu ntangiriro y'umukarago ukurikira. Mu Kinyarwanda umusizi wagerageje kurikoresha ni F-X. Munyarugerero mu gisigo yise "*Inzigo y'ubuzima*" ari na ho twakuye iyi nkuro.

*U**mwi**jima ukaba **umwa**ku*
***Umwa**ga ukaba agahinda*
*Kuvuga bigasaga**mba***
*Kur**amba** bikaba indoto*
***Indo**ro ikaba iy'i**ndu**ro*
Ibirura bigasizora.
[…]

c) ISUBIRAJWI RYO MU BICE BIHERA:

Ubwo buryo dukunze kubusanga mu bisigo bya Rugamba wabukomoye ku bisi kuko bugaragara cyane mu mazina y'inka.

Urugero: 1) *Nsanze iminsi inshoye **icya**go*
*Kuko insibiranye ntazi **icya**nzu*
*Kandi inshinja ntagira **icya**ha*
[…] Rugamba S., 1979, *Amibukiro,* p.182.

2*) Yaje acyenyeye **urwe**ra*
*Kandi ubwe ari **urwe**go*
*Nogeze **urwe**rerane*
[…]Rugamba S., 1979, *Amibukiro,* p.22.

d) ISUBIRAJWI RISHINGIYE KU MWANYA, UBURAMBE N'IMIHANIKIRE:

Muri urwo rwego,uretse guhuza umwanya, iryo subirajwi riziraho usanga n'amagambo ubwayo agenda ahuza uburambe n'imihanikire by'ijwi.

Urugero: *Muratabarire **ingó**byi yacu*
*Mutayihindura **ingó**ro hirya*
*Tukayitambira **ingó**go nyinshi*
*Aho kuyirinda **ingu**ma z'ishyanga*
[…] Rugamba, 1979, *Umusogongero*, p.22

e) ISUBIRAJWI RITAGENERWA BURI GIHE UMWANYA RUNAKA:

Ni isubirajwi riba rinyanyagijwe mu mabango. Icyo gihe ijwi rigenda rigaruka rigomba kuba riri mu magambo yegeranye kugira ngo ryumvikane.

Urugero: *Wihamira mu **cy**ezi*
*Uti **icy**o **cy**arimwe **cy**anjye*
*Ni i**cy**emezo **cy**'uko*
Nsumbya n'inkuba zesa
Kwahuranya igihumbi
[…] Rugamba, 1981, *Cyuzuzo*, p.131-132

Si byiza gucucikiranya isubirajwi ngo usange nta ruhumekero nk'uko bikunda kugaragara ku bantu barishakisha ku ngufu. Ubundi isubirajwi riba rigomba guhurira mu mikarago ifite ingingo imwe, kandi rifite icyo risobanura. Iyo isubirajwi rinyanyagiye rihinduka umwaku kuko ubusanzwe umunyu ni akaryoshya ariko iyo ubaye mwinshi mu biryo uhinduka igisoryo. Abazi gukoresha isubirajwi birinda ko rinarambirana kandi bakaba bamenya kuryikiranya kandi rikakuranwa igihe ikivugwa (ingingo) gihindutse.

Urugero: *Yameze u**rw**era ahunda u**rw**ano*
*Aminura hasi mu **rw**amaniro*
*Amatoni hose amubaho u**rw**oga*
*Umunsi **imp**inga yera i**mp**enda*
*Imuvunye ihobe ryo mu **mp**undu*
*Impini yaturitse itagira i**mp**embyi*
*Kuko yabyirutse ari **mp**orankeye*
*Nta n'i**mp**iza mu gihagararo.*
[…] Rugamba S., 1979, *Amibukiro,* p.15-16.

I.3. ISUBIRAJAMBO

Abenshi bakunda kwitiranya isubirajwi n'isubirajambo. Nyamara isubirajambo ni igihe isubirajwi rigaruka mu ijambo bihuriye ku gicumbi kimwe n'iryaribanjirije cyangwa se ijambo rikagaruka uko ryakabaye.
Urugero: ... *ruhamanya akomeretse <u>ndamwimana</u> <u>mwima</u> Abahirika n'Abinika bari baje ari umuziro ...*

I. 4. IMIZIMIZO

Icyo twita imizimizo ni uburyo umusizi akoresha mu kuboneza imvugo ye atitaye ku byerekeranye no kuboneza amajwi cyangwa iyubakanteruro; ahubwo agashishikazwa no guha inyito isanzwe indi ntera, urundi rwego bituma ihinduka inyito yindi. Hari uburyo bwinshi bukoreshwa turareba ubw'ingenzi.

I. 4.1. IGERERANYA

Ni ukugereranya ibintu bifite icyo bihuriyeho ku buryo kimwe cyagufasha gusobanura ikindi ukoresheje uko bisangiye imisusire, imigenzereze, umumaro n'ibindi. Aho igereranya ritaniye n'indi mizimizo ni uko rigira uturango: nka, boshye, kimwe na,... Bashobora kugereranya ikintu kimwe n'ikindi, cyangwa kimwe n'ibindi byinshi.
Urugero: 1) *Kandi inzu itagira umukobwa*
Ni nk'igiti kitera indabo
Ni nk'iriba ritagira amazi
Ni nk'urwuri nta matungo

Ni nk'ijoro nta kwezi
Ni nk'umusozi utamera ibyatsi
Ni nk'inyanja itagira imyeya
Ni nk'umunsi utagira amabeho
[...] Bahinyuza I.,1975, *Umubyeyi w'imbabazi.*

2) *Turasa n'ifi zibuze inyanja*
Turasa n'imvura y'amahindu
Turasan'inyana zidakenga
[...]Rugamba,1979, *Umusogongero*, p.89

I. 4. 2. IHWANISHA

Ihwanisha risa no kugereranya ku rwego rwa kabiri, aho urenga ibyo kureba icyo ikigereranywa n'ikigereranyo bihuje, ugasa n'ubinganyisha, kimwe kikaba cyafata umwanya w'ikindi cyangwa cyagihagararira (A=B). Ni muri urwo rwego Rugamba avuga ngo :

« *Marebe atembaho amaribori »*
Ni igicumbi gicura ituze
Ni igicaniro cy'urukundo

Kugira ngo ubyumve, habanza kugereranya (A :B), hagakurikizaho guhwanisha (A=B) bikaza kugera ku ihuzamimerere. Ihwanisha rikoreshwa mu gutaka ku buryo usanga ikintu kirabagirana ibyiza bikomoka ku kindi.

I. 4. 3. IYITIRIRA

Rishingiye ku gufata ikintu ukacyitirira ikindi bitewe n'uko ubona bifitanye isano. Icyo gihe ijambo rifata umwanya w'irindi rikagira inyito nshya kandi n'iyo ryari risanganye ritayitakaje.Gusa icyo gihe umuntu ashobora kubyitiranya n'ihwanisha, ariko n'ubwo byenda gusa, bitandukanywa n'uko ihwanisha ryita ku bintu mboneshwabwenge naho iyitirira rikita ku isano iri hagati y'ibintu mboneshwamaso.

Iyitirira riri ukwinshi: hari nko gufata agace kamwe k'ikintu ukakitirira icyo kintu cyose, gufata ikintu cyabaye ukacyitirira impamvu yacyo n'ibindi.

Ingero : 1) Mu gisigo (umuvugo) J.B. Musabimana yise « *Mugeni w'ejo* » agenda afata igice cy'umubiri akakimusimbuza we wese:
Musunzu ngabiwe ari amasimbi
Muhogo uhogoza abana bananiwe
Musaya wahaze gusahira
Menyo yuje inono n'inani
Rugu rigaba irungu uzira
[...] J.-B., Musabimana, 1983, "*Mugeni w'ejo*", Ibanga, s.n.e., p.37.

2)Umuntu arihanukira akabwira undi ati "*vayo njye kuguha icupa*"
Si icupa aba agiye kumuha ahubwo aba agiye kumuha ibirimo.

I. 4. 4. ISHUSHANYA

Iyo urebye usanga ishushanya ari ryo rigize umutima wo gusiga kuko ari ryo rikoreshwa cyane. Ni uburyo bwo gusobanura cyangwa kwerekana ikintu wifashishije imvugo isa n'ica amarenga ukurikije uko icyo usobanura giteye cyangwa se uko ukiyumvisha. Urugero mu gisigo "*Musizi ntugira isura*", M. Kamurase hari aho avuga ko u Rwanda rugomba kuba urw'abarukorera:

Barutuburira umusaruro
Bakarutera akabariro
Ku nkike y'iminsi

Iyi mikarago irashushanya: kubona u Rwanda ruterwa imbariro boshye urugo, ikigega cyangwa se gutekereza ko inkike yagira iminsi.

Urundi rugero ni nk'uru dusanga mu gisigo(umuvugo) "*Umubyeyi w'imbabazi*" cya Bahinyuza, hari aho umwana na nyina bavuga iby'umuco nyarwanda noneho uwo mwana akagira ati:

Nawonse ntahwema
Nywuvuzanya ubuhuha
Nywutamirana ubwuzu
Nasekeraga umwanzi
Nywufashe mu gipfunsi
Nawunyoye mu mazi

Aho umuco bawuhinduye nk'ikintu gifatika, kinyobwa. Ishushanya rero rishobora gukoreshwa umuntu agira ngo ikintu mboneshwabwenge kirusheho gusobanukira abantu ku buryo bworoshye.

Urundi rugero twatanga ni aho Rugamba yashatse kwerekana ukuntu amerewe mu mutima, agahinda n'umubabaro atewe n'urupfu rw'uwo yakunze maze agakoresha amashusho y'ibintu ubundi byarangwagaho umutuzo:

Uruzi rwabaye igisaga
Ubu rwisenyuye mu mubande
Rusiba ibyambu ruziba ibyanzu
Inkuba zivuga ibicu byose
Imirabyo inyuranamo mu birere.

I. 4. 5. IMIBANGIKANYO

Kubangikanya mu mvugo y'ubusizi ni ugukurikiranya imikarago nibura ibiri cyangwa se amagambo afitanye isano mu kivugwa cyangwa mu isesekazamutima. Imibangikanyo iri ukwinshi:

a) **UMUBANGIKANYO W'UMUSUBIZO:** Ushingiye ku gukurikiranya imikarago ku buryo ikivugwa kiri mu mukarago ubanza gisubirwamo mu mukarago ukurikira.

Urugero:1) *Ukaba isano rizira isumo*
Ukaba isimbi rizira umwanda

2) Byari byangutuye umugongo

Nari nagongowe byo guhwera

Hari n'ubwo bitagombera imikarago ikurikiranye, bikaba byabera mu mukarago umwe; icyo gihe umubangikanyo uba hagati y'ibice bigize uwo mukarago.

Urugero: *Inyenga begukanye y'umuriro*
Utagira iherezo, uhoraho iteka

b)UMUBANGIKANYO W'INSHYAMIRANE: muri uyu mubangikanyo, aho kugira ngo ibitekerezo byuzuzanye biravuguruzanya, bityo bikaba nko gukoresha ibimenyetso byo guteranya no gukuramo icyarimwe.

Urugero: Mu gisigo cya Gapira cyitwa "*Amataha*", aho agira ati:

Amahirwe amagorwa
Amagorwa amahirwe
Amashoka amakuka
Umuseso akabwibwi

Urundi rugero twarutanga mu gisigo cya Kimenyi aho agira ati:

Nkunda abagabo bazigaba
Nanga abakobwa badakobwa
Nkunda abagore bateze ingore
Nanga umugore wagomye
[...]
Nkunda irembo riguha ibihembo
Nanga imyambi irasa inyambo
Nkunda inyange n'inyamanza
Nanga umuheto ugukenya ubuheta.

c)UMUBANGIKANYO WUZUZA: Ni igihe mu mikarago ikurikirana habamo iza ifutura cyangwa isobanura imikarago ibanza, umusizi akavuga ikintu mu mukarago wa mbere noneho mu mukarago ukurikira akagisobanura cyangwa se akavuga impamvu yakivuze.

Urugero: *Ibisigo byose bigira isano*
Ndebye ibyazanywe n'amahanga
Nkubise ijisho ku binyarwanda
Nsanga byenda kuba mahwane
Kuko amahuriro ari mu bwenge
Kandi rero isoko ibudubiza
Nta mahanga ibuza kudubika
*(*Rugamba,1979,*Umusogongero)*

Aha umusizi arabanza agatanga ingingo mu mukarago wa mbere ndetse akerekana ko mu mikarago ikurikira agiye kuyisobanura. Naho mu mikarago 3 ya nyuma agasobanura impamvu yabivuze.

b) IMIBANGIKANYO ISHINGIYE KU MITERERE.

b) 1. UMUBANGIKANYO MU MYUBAKIRE.

Nta kindi gisobanuro kitari ukuba hari imikarago yubatse ku buryo ibice bigenda bihura haba mu giciro cyangwa mu iyubakanteruro, ku buryo ikiri hamwe kigaragara n'ahandi kandi ku buryo bumwe:

1) *Nkwitabe nte ntatebye*
   Ngusabe nte ntabeshye
   Ndeshye nte ntigeze

Aha buri mukarago ugizwe n'ibice bitatu byubatse ku buryo bumwe: inshinga mu bumwe (ng .1), akajambo karanga ibaza, n'inshinga itondaguye mu bumwe kandi ihakana.

2) *Si nsize ndasibye*
   Si nsibuye ndasubirije
   Si nsibye ndazindutse

3) *Nti aho ntiwenda guta agahinda*
   Ko naguhaye ntaguhinirira
   Nti aho ntiwenda gusinzira
   Ko nagusize nkamara insimbo
   Nti aho ntiwenda gushira icyusa
   Ko naguhaye ngasiba icyena

d). 2. UMUBANGIKANYO W'AMASAKU

Ni isano iri hagati y'amagambo ari mu mikarago yegeranye aho usanga amagambo ahuje imivugirwe:

1) *Wanyuhiye ay'**impuûndu***
   *Unteza ay'**impiînga***
   *Yanteraga **impuûmu***

2) *Nsanze iminsi inshoje **icyâago***
   (…)
   *Kandi inshinja ntagira **icyâago***
   *Nyirumucyaho yirya **icyâara***
   […]Rugamba, 1979, *Umusogongero*, p.182

Hari ubundi bwoko bwawo usanga aho kugira ngo amagambo ahuze imivugirwe ahubwo yandikwa kimwe ariko akavuga ku buryo butandukanye:

1) *-Sinsambire **imisaambi***
   *-Niyo **imisaâmbi** ihiga*
2) *-Iguhagamo **umwêendâ***

*-Ikakwambura **umweênda***

*3) –Utereka **intaango***
*-Unyangirira **intâango***

d). 3. UMUBANGIKANYO W'INJYANA

Imikarago ihuza igipimo n'uburyo utubangutso (utubeshuro) tugenda dukurikirana.

Urugero: 1) – *Nzigama ibyanzu juru ry'icyeza = uuu-uuuu-u*
Burya natashye ntashize icyaka = uuu-uuuu-u
Kuko nagiye ngifite icyunzwe = uuu-uuuu-u

2) – Amatage agataha = u-uu-u
Amaneza agateka = u-uu-u
Ubutindi bukera = u-uu-u

I. 4. 6. IKOSORA

Ni uburyo bwo guhindura ushaka kuboneza imvugo maze ijambo wari umaze kuvuga ukarisimbuza irindi. Icyo gihe umusizi akoresha utugambo: nako, ni, si...
Urugero: 1*) Tuzahera iya Maheresho*
Tujye duhereza iya Rukundo
Maze turenge tugana i Nyanza
Ndanavugishwa ni Nyabisindu
[...] Rugamba, 1979, *Amibukiro*, p.76.

2) *Ati ' icyo kigugunnyi cyadutse*
Nitugihiga bikaduhira
Tukagicuza imari yacu
Muyatugeneye yose yose
Tukayashora mu makamyo
Mumbabarire mu makomini'
[...] Gasimba, 1987, *Isiha rusahuzi*, p.14.
3) *Njye nsanga Leta y'ubute*
Mumbabarire Leta y'ubuke
Nako na none Leta y'ubumwe
[...] Gasimba, 1999, *Indege y'ubumwe*, p. 25.

I. 4. 7. ITIZABUMUNTU (BUNTU)

Ni umuzimizo werekeye ahanini imigirire ifitanye isano cyane n'ishushanya. Bikaba ahanini bireba ibintu cyangwa ukuntu umusizi aha ishusho, imigenzere, imyumvire nk'iy'umuntu: Urugero ni nk'aho Rugamba agira ati:
"*Umugezi usuma usiga abagenzi*
N'ibiti byinshi byaramutsaga
Umuyaga wahuha uhunga ijoro"

I. 4. 8. ININURA (IRONIE) N'IGERURA (LITOTE)

Ininura rishingiye ku guhinduriza igitekerezo maze ukaba ubifite mu mutwe wawe ntube ariko ubivuga. Hari nk'indirimbo Rugamba yise "*Umukozi udapfuye"*, ubundi umuntu yumva ko ari umukozi w'intangarugero muri byose. Ariko iyo usesenguye usanga ari urugero rwiza rw'umukozi mubi w'ikirumbo nyamara umusizi akaba yaramwise udapfuye byo kumuninura cyangwa kumuvugiraho ko yapfuye kera. Ikindi umuntu muto ukamwita nzovu, uwirabura uti ni kazungu.

Igerura ni uburyo bwo kugabanya agaciro k'ikintu ariko ugira ngo karusheho kugaragara. Bakubaza ngo uvuge uko ubona ubwiza bw'uriya mwari, aho kuvuga ngo ni mwiza cyangwa ni mubi, ukivugira uti "*ntashamaje"."uyu mwana si mubi"."Genda sinkwanga"*.

N.B.: Igerura bamwe baryita impirike.

I. 4. 9. IMIGORONZORANGANZO

I. 4. 9. 1. ISUBIRAMIGEMO (ANAPHORE)

Ni ukugenda ugarura ijambo mu ntangiriro y'interuro cyangwa y'umukarago. Ubwo buryo bwitaweho cyane n'abasizi bo ha mbere cyane cyane mu byivugo aho usanga nk'ijambo *Ndi* cyangwa *Nishe* rigenda rigaruka mu ntangiriro z'interuro. No mu mazina y'inka birakoreshwa cyane, ku buryo hari aho usanga isubiramigemo rihura n'isubirajambo.

Urugero: ***Muntu*** *utuye isi wayisanze*
Muntu *usimbutse iz'ubwiko*
Muntu *usenga iyaduhaye*
Muntu *usumbya ababisha ineza*
Muntu *shusho ry'ababyawe*
Muntu *shema ry'uwaguhetse*
Muntu *ubuntu iwacu ku isi*

[…] M. Kamusare, 1982, "*Dusabe ubuntu*", in Abasizi cumi ba Nyakibanda, p.105.

I. 4. 9. 2. ISANGIZAMUSOZO (CATAPHORE)

Ni nk'isubiramigemo ricuritse kuko aho kugira ngo ijambo cyangwa umugemo bigende bigaruka mu ntangiriro y'umukarago bigaruka mu mpera yawo.

Urugero: *Ni nde uca ruswa hano mu* ***Rwanda***
Akanga inzangano hano i ***Rwanda***
*Akanga imitima y'abanya****rwanda***
Ni nde wanze ubunebwe i ***Rwanda***
*Akoranya imbaraga z'abanya****rwanda***

[…] Karengera, 1983, *Impundu kwa Rusango*, p.301.

I. 4. 9. 3. IHUZAMITWE

Tuvuga ihuzamitwe iyo intangiriro y'umukarago ihuye n'umusozo wawo. Mu gisigo "*Uwabwira umukunzi*" cya J.-B. Musabyimana hari aho avuga ati: ***ndebe*** *indeshyo* ***ndebe***. Dushobora kuvuga kandi ko byerekana ko igikorwa kibera ahantu hose iburyo n'ibumoso n'ubwo rimwe na rimwe ijambo risubiwemo rishobora guhindura igisobanuro: ***Amariba*** *atakiri* ***amariba.***

I. 4. 9. 4. NSOZANTERURA

Ni ugusubiramo ijambo risoza umukarago rigatangira umukarago ukurikiyeho:

Urugero: 1) *Nterura isheja n'amajwi* ***numva***
Numva *ahanikira imitima ihanamye*

*2) Iyo numvise ibigwi by'****abandi***
Abandi *bana bavuga ba se*

*3) Uri ingoro y'****Imana***
Imana *yagize imanzi*

I. 4. 9. 5. IGARURACYUNGO

Uvuga ibintu usa n'ubirondora bihujwe n'icyungo. Kiri amoko menshi n'ubwo <u>*na*</u> ari yo ikunda kugaruka henshi:

1) ***N'****amata akuze*
N*'ikivuguto gifutse*
N*'umutsama uhoze*
N'*umutsima unoze*
N*'amahundo ahonze*

2) Amapeti ***n****'amapantaro*
Imidari ***n****'imidende*
Imideri ***n****'imidiho*
Imiduri ***n****'imidugararo*
Ubugari ***n****'ubugabo*

I. 4. 9. 6. IHUZAMIKARAGO (RUMES)

Ni uburyo umusizi agenda asozesha umukarago amajwi asa. Harimo amoko menshi bitewe n'uko ayo majwi agenda agaruka mu mikarago akurikiranye cyangwa itegeranye.

a) IHUZA RY'UMUSHUMI:

Bavuga ko ihuza ari umushumi iyo imvugwarimwe isoza umukarago igaruka mu ntangiriro y'umukarago ukurikiyeho.

Urugero: 1) *Babihereye imuzi****ngo***
Ngo *bazimbe ababazonga*

*2) Bakamutwara boshye umu****nyoni***
*Ubu****nyoni*** *bukavuga bakimukubita*

1) IHUZA RY'INYABUBIRI:

Iyo ijwi rimwe rigenda risoza imikarago ibiri ni byo byitwa inyabubiri, bigashobora kuba ari amajwi agenda asimburana uko imikarago ibiri iciyeho cyangwa se imikarago ikagenda igira ijwi ryayo riyihuza.

Urugero: *Bambutse uruz**i***
*Buzuyemo ikizi**zi***
*Bahuye n'imbwe**bwe***
*Yaganaga igishi**bwe***
*Irahagarara irare**ba***
*Nta bwenge nta bwo**ba***
*Izo ntwari zige**nda***
*Zikoreye imida**nda***

[…] Gashugi, A., 1984, "*Bihehe*", mu mvaho, 517, p.11

2) IHUZA RIRAMBUYE

Ni igihe ijwi rimwe risoza imikarago irenze ibiri, bikaba byakwitwa inyabutatu cyangwa inyabune bitewe n'uko imikarago ihuje ingana:

1)–*Umbwire neza ube umuhanuz**i***
*Iyo uroye neza nk'ibyo uruz**i***
*Iyo uroye imigezi n'izo nzuz**i***
*Ari byo bibaya n'ibyo bisoz**i***

*2) -Ihute umbwirire nyogos**enge***
*Ko wahuye na nyiras**enge***
*Umukobwa ugira ubug**enge***

3) AMAHUZA Y'IMPOBERANE:

Igihe imikarago ibiri isozwa n'ijwi rimwe igoswe n'indi ibiri na yo ifite ijwi rimwe ritandukanye n'irya mbere.

Urugero: 1) *Umpuze n'uwampogo**je***
*Umpumurize n'uwampa**ye***
*Umpere uwampobe**ye***
*Umporeze uwampemu**je***

*2) Uramutse umwami uruta abamwa**nga***
*N'abiginanwa kumwigi**mba***
*Bisihingira kumusu**mba***
*Akababaha urwaho rwo kumusa**nga***

b) AMAHUZA NJYABIHE

Ni igihe amajwi agenda ajya ibihe mu gusoza imikarago y'igiherwe isozwa n'ijwi rimwe n'iy'imbangikane igasozwa n'irindi.

Urugero: *Ya mage y'imya**ka***
*Asimbuwe n'imya**to***
*Dore inyama y'inku**ka***
*Yarenze mu nko**to***
[…] Rugamba, 1979, *Amibukiro,* p.54.

N.B. : Ayo mahuza yose tumaze kubona ntaboneka mu mpera z'imikarago gusa, ahubwo ashobora no kuboneka mu mpera z'ibice bibanza.

Urugero: 1) *Nkagutere**ka** ku byahi*
*Nkagutan**ga** ntatuza*
*Nkaguta**ka** amaraba*
*Nkaguhara**ga** amasimbi*

2) *Ntumpin**ire** warandamburi**ye***
*Ntumpemuk**ir**e warampembu**ye***

c) . AMAHUZA MBUMBABANGO

Ubwo bwoko bw'amahuza burihariye kubera ko butagaragara mu mikarago yegeranye ahubwo buboneka mu mikarago iri ku mpembe z'ibango. Buboneka cyane kwa Rugamba wenyine:

1) *–Isuka irarisha bayiriri**mba***
Reka bene kanyamuhungu
Bamuhiriye ari inshuke
Bahihibikana aho zikunze
*Baramukamira zica igiku**mba***

2) *Urambere bwa bwu**ngo***
Bakunda nta bwema
Imvune iminsi yanteye
*Zitetse mu ngi**ngo***

I. 4. 9. 7. ITEBEZA (ELLISPE)

Ni uburyo usanga nk'ijambo ryashoboraga kuba ngombwa kugira ngo imikarago cyangwa se interuro muri rusange zigire imyubakire yuzuye rivanwamo, ariko ku buryo bitagira icyo bigabanya cyangwa bibangamiraho ubwumvikane bw'igitekerezo:

Urugero: *Umugore yubahe umugabo*
Umukozi umukoresha
Umusore ubusugi bw'inkumi
Umuntu umwanya wa muntu.

Dukurikije interuro y'Ikinyarwanda iba isanzwe igizwe n'ibice bibiri: itsinda rya ruhamwa n'itsinda ry'inshinga riba ririmo, inshinga n'icyuzuzo, wasanga muri iriya mikarago itatu ya nyuma ituzuye kuko ibuzemo inshinga.

I. 4. 9. 8. IRONDORA

Rishingiye ku kuvuga ibintu usa n'ubibarura kimwe ku kindi nta cyungo kigaragara kibifatanya. Iyo ukoresha iyo mvugo usanga uko ikintu kigenda gikurikirana n'ikindi ijwi na ryo ari ko rigenda rizamuka. Irondora rinerekana ubwinshi bw'ibivugwa.

Urugero: 1) – *Inka, inshuragane, insengo*
Byisukira icyarimwe
[…] Rugamba, 1979, *Chansons rwandaises*, p. 35.
3) - *Ihimba ibyanira, agaca, inkona*
Inkanga zirakwira amabanga
[…] Kagame, 1953, *Umulilimbyi wa Nyili-Ibiremwa, p.33.*

I. 4. 9. 9. IBAZA N'IHAMAGARA

Mu buryo bwa mbere umuntu avuga abaza ariko atarambirije guhabwa igisubizo. Nta n'icyo aba ashaka. Ahubwo aba agira ngo uwo abwira arusheho kwemera ibyo amubwira, ntamusubize ahubwo yikirize mu mutima.

Urugero: *Rurema bintu itakurinda*
Ngo yuhure umutaga ukubise
Wajya hehe wapfa uruhe?
Rurema ashatse kurizibiranya
Igihe cyo kurasa rigaca ahandi
Ubwawe warasa ukaba umunsi
Wabuze izuba rikubonesha?
(Kagame,1953, *Umulilimbyi wa Nyili-Ibiremwa*, p.33).

Na none, umusizi ashobora kubwira ibintu bihari n'ibidahari, ibiriho n'ibitariho, ibifite ubuzima n'ibitabufite. Usanga rero asa n'urota cyangwa uwataye umutwe. Ni na ho wenda bamwe bahera bagereranya umusizi n'umusazi.

Urugero: *Yemwe bisimba bisimba*
Yemwe byatsi bitsitsi
Yemwe biti birenga
Yemwe nzira zisobetse
Nimwitabe Imana yanjye
Yemwe nyenyeri zuje ijuru
[…] (Kagame,1953, *Umulilimbyi wa Nyili-Ibiremwa* p.33)

I. 4. 9. 10. IYUNGURUZA

Ni uburyo bwo gukurikiranya ibintu ku buryo uko bigenda bishoreranye ari na ko bigenda birushaho kuzamuka mu ntera. Iyungurura riri ukwinshi: rishobora kuba rishingiye ku mubare ugenda wiyongera cyangwa igito kigenda kibanziriza igisumbyeho mu bunini, mu bushobozi, mu bukana n'ibindi.

Urugero: 1) *Ni intwari ntahigwa*
N'abatanu n'icumi
N'abasaga ku ijana
[...] (Kagame, *Abambali b'inganzo ngali*, p.229.)
2) *Mu minsi idateka*

Mu mezi adataha
Mu myaka idasaza
[...] (Gapira, 1979, *Umwirongi*, p.28).

Ukundi iyunguruza rigaragara, ni ukuntu igitekerezo kigenda cyuzuriza ku kindi kugeza ubwo biza guherukwa n'icy'ingenzi uvuga yari agambiriye kugeraho akaba yashoboraga no kubivuga rugikubita ariko agahitamo kubanza guca i Kibungo no kugisasira, ntahubuke. Ibyo tubisanga muri « *Iso ni nde* ».

I. 4. 9. 11. IYATURA

Ni uburyo bwo gukoresha ibice bibiri by'interuro ku buryo igice cya kabiri gisobanura icya mbere. Icyo cya kabiri ni cyo cy'ingenzi. Kucyatura rero bituma kirushaho kwigaragaza ; ni nko kugishyira ahirengeye ngo buri wese akibone :

- *Nimumuhimbaze ubuhanga,* ***ni umuhuza w'ijuru n'isi***
  Nimumuhimbaze ubuhanga, ***ni we dukesha amahame tuzi***
  […] (Kagame, 1953, *Umulilimbyi wa Nyili-Ibiremwa)*

I. 4. 9. 12. IYAMBUKANYA (ENJAMBEMENT)

Interuro aho kugira ngo irangirane n'umukarago, irangirira ku mukarago ukurikiyeho.

Urugero : 1) *Igitotsi cya mbere cyasanze*
Umuseke utambamuye mu cyoko

2) Ndanga yuko nyirandabizi
Yashibotozaho agatanyu

3) Ni icyemezo cy'uko
Nsumbya n'inkuba zesa
Kwahuranya igihumbi

I. 4. 9. 13. IKOMORA

Ni uburyo abasizi b'Abanyarwanda bakoresha barema amagambo bahereye ku yandi, bakongeraho cyangwa bagakuraho uturemajambo ku buryo inyito ihinduka cyane cyangwa buhoro.

Urugero : 1) *– Hirya iyo birahinda*
Utuze ***guhindira***

2)- Abaza bansanga ***bakansanganira*** *nkeye*

3)- Ndeke kuguma kwangana
Kwanga no ***kwangana***

Ikomora ni nk'isubirajambo kuko amagambo agaruka aba ahuriye ku gicumbi.

I. 4. 9. 14. UMUBIRINDURO

Ni uguhindura gahunda isanzwe y'uko amagambo akurikirana mu nteruro, nk'iryari iburyo rikaza ibumoso.

Urugero : 1) *Si amahirwe aduhunze muhimuzi*
Mu kuduhuriza mu ruhongore ***umu***

2) Ndavuga Imana nyir'ubumanzi
Iyi yatubyaye ikaduha ivuko ***iri***

I. 4. 9. 15. UMUSARABIKO (CHIASME)

Bavuga ko hari umusarabiko iyo mu mikarago isubirajambo ritondetse ku buryo mu mukarago wa mbere, biba ari A B naho mu wa kabiri bikaba B A, bityo bigashushanya ikintu kimeze nk'umusaraba ari na ho haturutse izina ry'umusarabiko :

Urugero : *Kera* ***isaha*** *yari* ***isake***
Kera ***isake*** *yari* ***isaha***
Isake isaha, isaha isake
[...] Gapira, 1979,*Umwirongi,* p.19.

I. 4. 9. 16. IBIGANIRO

Tumenyereye akenshi ko umuhanzi avuga ibyo yabonye, yabwiwe cyangwa atekereza, akabibwira abandi. Buri gihe aba asa n'ubwira ikiragi. Nyamara rimwe na rimwe ashobora gukoresha uburyo bw'ibiganiro aho avuga agira umusubiza mu gisigo. Mu busizi bushya, Rugamba ni we wabikoresheje cyane.

Urugero: *Umugabo*:*Uzambwira iki ninza*
Nanamije mu myato
Ndi mu bigwig by'urugereko
Nkuye mu rugerero

Umugore: Uzaseruka ngusange
Nkuririmbana ibyanzu
Nkwereke rya simbi
Wansigiye ku byahi
Ningusekera usume
Undangirire mu byano
[...] Rugamba, 1981, *Cyuzuzo*, p.132.

Ubu buryo buboneka kandi cyane cyane mu byivugo aho usanga umubisha aterana amagambo n'uwo bahanganye.

Urugero: *Runega rwa Muhenga naminaritse ibitege minurira ibihugu imugongo, nkatura umugaragu ingabo; mpura n'umubisha, duhuje imitwe muhura uruti mutera uruti avumerera uruti ati: "Mutagera! Nti "ndi munyabigembe" Ati "ni uko ubigize?"Nti "kizi ubimenye!" Bati"uramwibarutse?" Nti"nimumwibarize".*

I. 4. 9. 17. IHUZAMVUGO (METATHESE)

Ni uburyo bwo kwegeranya amagambo asangiye ibice bimwe, cyane cyane ku byerekeye imivugire. Ndetse rimwe na rimwe umusizi akabikora atitaye no ku nyito, ahubwo agakurikirana inshurango y'amagambo.

Urugero: 1) *Imiduga yiruka mu midugudu*
Ntirakazana imidugararo
[…] Rugamba, 1981, *Cyuzuzo*, p.63

2) *Nagusige iminwe y'impundu*
Iminwa iguhunda imivugo hose
[…] Rugamba, 1979, *Amibukiro*, p.93.

3) *Ndakurota wuzuye amata*
Amatara abonesha hose

4) Ni uruti rw'umutarati
Rwameze mu mutuzo
Rwuhirwa n'umutozo

I. 4. 9. 18. IYUNGIKANYA

Ni uburyo bwo gukoresha amagambo y'inyunge. Bene ubwo buryo bukunze gukoreshwa mu byivugo no mu bisigo bisingiza.

Urugero: 1) *Si iyanana ry'ibintu ngusabira*
*I **Busangira-migisha** bwa Busage*
*Ni ubusigi buzera i **Busambira-misako***
(Muzungu, 1982, ***Mugabwa-mbere*****)**

2) *Ku **rutamba-mutuzo***
*Uri **umucyura-buhoro***
Uri ihogoza ry'icyeza
*Uri **icyemera-nkiko***
*Uri **cyunga-miryango***
Nkwise izina rikeye
Cyemezo gikeye
[…] Rugamba, 1981, *Cyuzuzo*. p.126.

I. 4. 9. 19. IKABYA (HYPERBOLE)

Ni ukuvuga ibintu bidashoboka bidashobora no kubaho cyangwa gukurikiza ibiriho, ibyo ukabivuga ubizi kandi ubishaka kugira ngo wumvikanishe ko ibyo uvuga biha intera ibisanzwe. Ikabya rituma ubwirwa yumva vuba akita ku byo bamubwira, kuko biba bitangaje, birenze ukwemera. Rikunze kugaragara cyane mu byivugo, mu mvugoshusho zo mu nkuru ndende n'ahandi.

Ingero: mu ndyoheshabirayi:"…*Bamwe ngo ni inzovu twabwiye*
Abandi ngo have mwitubeshya
Inzovu zisanzwe uko tuzibwirwa

N'ubwo bwose tutazibonye
*Nk'enye zaguranwa iriya" (*Kagame,*Indyoheshabirayi)*

DORE URUTONDE RWA BIMWE MU BISIGO BYASHOBOYE KUBONEKA INGOMA BYAHIMBWEHO N'UKO BYAKURIKIRANAGA

IBISIGO N'INGOMA	UMUSIZI	UBWOKO	IMIKARAGO
KWA RUGANZU NDOLI			
1. Umunsi ameza imiryango yose	Nyirarumaga	Impakanizi	50
2.Aho ishokeye ishotse i ya Gitarama	Nyirarumaga	Ibyanzu	112
KWA SEMUGESHI	_	_	_
KWA KIG. NYAMUHESHERA			
3. Nkure ibirego	Muguta	_	59
4.Ye kwezi kwimirije impundu imbere.	Muguta	_	21
5. Kanyuramfura	Muguta	_	21
KWA MIBAMBWE GISANURA			
6. Nugure Ngozi nk'ingoma	Muguta	Impakanizi	223
7. Kireshyabakono	Muguta	Ibyanzu	155
8. Kizi nzaba mpari mu kwambuka	Rukungu	Ibyanzu	52
9. Ye kaze! Yewe karame!	Muguta	Ikobyo	132
10. Nigire inama nanoga	Muguta	Impakanizi	206
11. Ye nkuru yizihiye inka	Muguta	Impakanizi	224
KWA YUHI MAZIMPAKA			
12. Ndi umupfumu w'inka	Ruhinda	_	87
13. Umunsi yuhanya ajya Ruguru	Mirama	ibyanzu	89
14. Umunsi inkuba iganza intare	Mirama	impakanizi	213
15. Umunsi yuhiza inka uburanga	Mirama	impakanizi	269
16. Inka zigira ishorera	Nzabonariba	ibyanzu	84
17. Ncane ncana nte?	Sanzige	-	19
18. Ngisaba he?	Mazimpaka	ibyanzu	61
19. Guhorera abazimu ntibamenye	Mazimpaka	ikobyo	40
20. Bantu bansize mu ngabo	Mazimpaka	ikobyo	55
21. Mpakanire abantu	Nzabonariba	ikobyo	68
22. Singikunda ukundi	Mazimpaka	ibyanzu	127
23. Rucibwa rute urubanza	Bagorozi	ibyanzu	110
KWA CYIRIMA RUJUGIRA			
24. Bantumye kubaza umuhiigo	Nyabiguma	impakanizi	311
25. Ibyuma bitsindira abami	Karimunda	ikobyo	27

26. Ibyuma bimarira abami urubanza	Muhabura	ikobyo	58
27. Iyo urubanza rwagombye abakuru	Nyamugenda	-	29
28. Mbwira Bagorozi umunsi ugumye	Muhabura	ibyanzu	105
29. Zemeye inganzo ingongo	Bagorozi	ibyanzu	196
30. Abatabazi bagira ubatemera	Ndamira	ibyanzu	137
31. Urubanza ruhari ntiruhumburwa	Mbaraga	ikobyo	91
32. Iminsi myiza irasa	Bagorozi	ikobyo	132
33. Nsezere ingoro	Nzabonariba	ikobyo	106
34. Zirimo umugabo	?	impakanizi	133
35. Utatiye inkuba	?	ibyanzu	93
36. Ruganzabenshi	Sebukangaga	impakanizi	225
37. Nigabe mu ruganda rugambirirabagabo	Bagorozi	ikobyo	127
38. Ubonye ubuhake bw'umwami	?	ikobyo	107
39. Umunsi yimuka i Mwumba	Nyabiguma	-	24
40. Ko abwirije inka i Nduga	Bagorozi	ibyanzu	120
41. Inyota y'ingoma	Musare	ibyanzu	80
42. Nta kamara ishavu nko kubyara	?	ikobyo	123
43. Uririra uwiyishe	Muhabura	ikobyo	120
44. Umwami azira kubeshya	Nyabiguma	ibyanzu	199
45. Igitutsi kiruta ikindi	Bagorozi	ibyanzu	186
46. Ndaje nkubarire inkuru Nyankurwe	Kagaju	-	30
47. Ubuhatsi bugira ubwoko	Bagorozi	ibyanzu	178
48. Iyo intwari zabaye nyinshi	Nyabiguma	-	71
49. Riratukuye ishyembe icumita ibindi bi-hugu	Bagorozi	impakanizi	186
50. Nihe amajerwe	Bagorozi	ibyanzu	248
51. Nta kigira inama mbi nk'intati	Ngogane	ikobyo	53
52. Umurambi w'ingoma	Musare	ibyanzu	185
KWA KIGERI NDABARASA			
53. Agati bamanitse abami	?	ibyanzu	103
54. Mbwire umwami uko abandi bami bantumye Byangabwana	Musare	ibyanzu	301
55. Batewe n'iki uburake	Kibarake	impakanizi	257
56. None wamaze ubuhinge	Musare	ibyanzu	259
KWA MIBAMBWE SENTABYO			
57. Ncire umwami inkamba	Musare	ibyanzu	50
58. Uruguma runini	Ntibanyender	ibyanzu	76
59. Nta wurenga icyo azira	Muganza	ibyanzu	140
60. Ingoma iraragwa ntiyibwa	Musare	ibyanzu	140
61. Mvurire ubuhake	Muganza	impakanizi	132
62. Sinari nzi ko umwami yanganwa inka nk'umuhutu	Musare	_	31
63. Inkovu icitse irushya abavuzi	Ntibanyender	ibyanzu	86
64. Umunsi amarira Kigali	?	?	19

65. Umwami si umuntu I	Semidogoro	?	114
66. Umwami si umuntu II	Semidogoro	?	40
67. Ko bavuga iridakuka abami	?	_	11
68. Imana yabonye inka	Rukomo	ibyanzu	153
69. Turamutse mu mihigo	?	ibyanzu	132
70. Ikimbwira imana yamwimitse uko yasaga uwo mwana	Musare	?	38
71. Ruhanga rucura inkumbi	Nsabimana	ibyanzu	149
72. Nsongere umwami inkomeri yishe	?	ibyanzu	177
73. Nuzuye n'abami	Nsabimana	?	17
74. Umunyiginya mutindi	Musare	ikobyo	155
75. Kurya yashukiranyije ubuto n'ubutamire	Musare	?	6
76. Ndi intumwa y'abami	Ngogane	ibyanzu	140
77. Urubanza abami bamarira ibihugu	Rukomo	ibyanzu	147
KWA YUHI GAHINDIRO			
78. Ukuri kwimutsa ikinyoma ku ntebe	Musare	ibyanzu	175
79. Imana yeze ntiba imbogo	Rurezi	impakanizi	178
80. Inka zihawe nyirazo	Kagaju	ibyanzu	135
81. Inkingi Nkindi iteye u Rwanda	?	ibyanzu	183
82. Imfizi y'ingangare	?	ikobyo	50
83. Urwango ruvuye ku busa	Kibarake	?	40
84. Mbwire abantu inyundo yacuze abami	Nsabimana	impakanizi	284
85. Urugumye urukanga umwami	Musare	ibyanzu	134
86. Yaramutse umuvumbi imvura	Mutsinzi	?	16
87. Umugore mukuru	Musare	ibyanzu	229
88. Nibwire nyir'inka	Rutinduka	ibyanzu	131
89. Nzeru yizihiye abami	Nyamashara	ibyanzu	57
KWA MUTARA RWOGERA.			
90. Ukwibyara gutera ababyeyi ineza	Nyakayonga	impakanizi	391
91. Mpoze abarira	Mitari	ibyanzu	107
92. Imana zitabeshya nyirazo	Bamenya	ikobyo	80
93. Numvise urwamo rw'impundu	Nyakayonga	?	24
94. Zabonye uko nshaka	Bikwakwanya	impakanizi	220
95. Icyo barusha abandi bami	Rundushya	ikobyo	138
96. Isambu yera abami	Bikwakwanya	ikobyo	187
97. None nabuze umurezi nirege	Rurezi	impakanizi	167
98. Ineza y'umwami	Bikwakwanya	ibyanzu	175
99. Turi mu bibanza	Muzerwa	?	28
100. Urugo yivugiyemo ibihugu	Rurezi	?	65
101. Twabona ingoro	Bamenya	ikobyo	62
102. Mbwire umwami uko abandi bami bantumye batumikira	Rurezi	ikobyo	104
103. Ntambe ineza y'umuhatsi	Mutsinzi	ikobyo	116

104. Naraye mu mpaka z'inzira	Mutsinzi	?	28
105. Ndatire amahanga umuheto	Mutsinzi	?	24
106. Nshire umugabe impundu	Mutsinzi	?	22
107. Nimirije mwurire imbere	Mutsinzi	?	47
108.Umwami ni we ukura ahaga	Rutinduka	ikobyo	46
109. Ruhanga rwivuze ibihugu	Ntibanyender	ikobyo	46
110. Umuvumo cyane wica nk'icumu	Rwamakaza	ikobyo	113
111. None ahawe umuvuro Bidugu	Rwamakaza	ikobyo	113
112. Abami bacu bagira Imana itsinze	Bikwakwanya	ikobyo	161
113. Ubukombe buteretswe n'iyeze	Ringuyeneza	ikobyo	149
114. Ntambire ingoma	Kibarake	ikobyo	79
115. Cyubahiro mfizi ikwiye inka	Rwamakaza	ikobyo	169
116. Mpakanire Bugondo	Bikwakwanya	ikobyo	96
117. Nivugire ingoma	Mutsinzi	ibyanzu	61
118. Iyo barushije amahanga umutungo	Rwamakaza	impakanizi	193
119. Ruhanga ruganje abahinza	Nyirakunge	ikobyo	194
KWA KIGERI RWABUGIRI			
120. None imana itumije abeshi	Mutsinzi	ikobyo	78
121. Twabona umurwa utsinze	Bamenya	ikobyo	120
122. Mbaze abantu icyo bahora umwami	Bamenya	ikobyo	100
123. Ubwami bugira ubwoko	Singayimbaga	ikobyo	150
124. Mvugire umwami amacumu	Sekarama	?	22
125. Ngambirize amahanga	Kirorero	?	24
126. Rusumbamahanga	?	?	30
127. Nshimire Mabega amabara	Nyakayonga	ikobyo	172
128. Itabaro ribasha umwami	Bamenya	impakanizi	179
129. Naje kubara inkuru	Sekarama	ibyanzu	119
130. Mbwire nyir'inka izi	?	ikobyo	80
131. Bahiriwe n'urugendo	Sekarama	impakanizi	214
132. Umwami w'imigisha	Singayimbaga	ikobyo	156
133. Nsubize umwami mu rushya	Nyakayonga	ikobyo	251
134. Naje kubika u Burundi	Sekarama	ikobyo	177
135. Umwami wimye atari mwango	Muhatsi	ikobyo	153
136. Mbyarize umwami inyamibwa	Muzerwa	?	31
137. None imana iduhaye kuvuza impundu	Nyakayonga	ikobyo	263
138. Nta washobora igihugu nk'umwami	Munyanganzo	ibyazu	199
139. Bambariye inkuru nkomati	Munyanganzo	impakanizi	204
140. Mbyukire mu ruganda	Sekarama	ikobyo	196
141.Icumu umwami atera abanzi	Rubumba	ibyanzu	105
142. Nkumbuye i bwami	Bamenya	impakanizi	160
143. Zihorana ishya	Singayimbaga	?	115
144. Umunsi mbarirwa inkuru	Munyanganzo	ikobyo	205
145. Nkurire ingoma ubwatsi	Nyirakunge	ikobyo	187
146. Nakubiwe n'iminsi imusozi	Bamenya	ikobyo	89
147. Ntambe ineza none iciye amahari			

imihigo	Sekarama	impakanizi	379
148. Umwami inka zikunze	Munyanganzo	impakanizi	175
149. Ndate ubugabo	Ndandari	ikobyo	85
150. Liturema amagara	Sekarama	ikobyo	42
151. Ndaje nkubwire umurasano	Nyirakunge	ikobyo	178
152. Ndose induru	Senkabura	?	21
153. Nicaye ntagabanye	Gashungero	ikobyo	162
154. Ndaje nkubambure	Senkabura	impkanizi	171
155. Urugo rugwije imbaga	Ngurusi	ibyanzu	73
156. Ndi umuyoboke w'abami	Ngurusi	ibyanzu	67
157. Abaramya umwami utari uwabo	Muzerwa	?	31
158. Numvise imyama y'ingoma	Singayimbaga	ikobyo	237
159. U Rwanda iyo rwasheshe ikigugu	Senkabura	?	34
160. Inka ziragiwe n'inkuba	Munyanganzo	?	90
KWA YUHI MUSINGA			
161. Iyo zishokewe n'intwari	Munyanganzo	ikobyo	105
162. Ikimbwiye imana yamwimitse uko yasaga mwebwe bimika	Sekarama	?	23
163. Ninkabone inka zagabwe	?	ikobyo	225
164. Mburanire umwami	Karera	ikobyo	130
165. Kurya u Rwanda rwahoranye abami b'ubugabo	Senkabura	ibyanzu	45
166. Iteka ry'imana	Segacece	?	205
167. Nkurire ingoma ubwatsi	Masozera	?	32
168. Mbonye umurwa w'abami	Karera	ikobyo	204
169. Kizi nzaba mpari impanga y'abami yashize	Munyanganzo	ikobyo	86
KWA MUTARA RUDAHIGWA			
170. Ndabukire imana yunamuye u Rwanda	Sekarama	impakanizi	308
171. Ruhanga rutsindiye igihugu	Karera	impakanizi	331
172. Imfura z'abagabo	Gahuriro	ikobyo	229
173. None wibutse abanyu	Karera	ibyanzu	99
174. Nungutse ijambo ry'umwami	Gahuriro	impakanizi	192
175. Umpe icyanzu	Gahuriro	ikobyo	98
176. None utabarutse neza	Munyagaju	ikobyo	111

DORE URUTONDE RW'ABASIZI B'IBISIGO NYABAMI BYASHOBOYE KUMENYEKANA N'UMUBARE W'IBISIGO BASIZE

- ✓ Bagorozi = 9
- ✓ Bamenya =7
- ✓ Bikwakwanya = 5
- ✓ Gahuriro = 3
- ✓ Gashungero =1
- ✓ Kagaju =2
- ✓ Karimunda =1
- ✓ Karera =4
- ✓ Karorero =1
- ✓ Kibarake =3
- ✓ Linguyeneza =1
- ✓ Masozera =1
- ✓ Mitari =1
- ✓ Mazimpaka =4
- ✓ Mbaraga =1
- ✓ Mirama =3
- ✓ Muganza =2
- ✓ Muguta =8
- ✓ Muhabura =3
- ✓ Muhatsi =1
- ✓ Munyangaju =1
- ✓ Munyanganzo =7
- ✓ Musare =12
- ✓ Mutsinzi =8
- ✓ Muzerwa =3
- ✓ Ndamira =1
- ✓ Ndandari =1
- ✓ Ngogane =2
- ✓ Ngurusi =2
- ✓ Nsabimana =3
- ✓ Ntibanyendera =3
- ✓ Nyabiguma =4
- ✓ Nyakayonga =5
- ✓ Nyamashara =1
- ✓ Nyamugenda =1
- ✓ Nyirakunge =3
- ✓ Nyirarumaga =2
- ✓ Nzabonariba =3
- ✓ Rubumba =1
- ✓ Rukomo =2
- ✓ Rukungu =1
- ✓ Rundushya =1
- ✓ Rurezi =4
- ✓ Rutinduka =2
- ✓ Rwamakuza =4
- ✓ Senzige =1
- ✓ Sebukangaga =1
- ✓ Segacece =1
- ✓ Sekarama =9
- ✓ Semidogoro =2
- ✓ Senkabura =4
- ✓ Singayimbaga =4
- ✓ ABATAZWI = ibisigaye

NB: Ubusizi buravukanwa, akenshi bwabaga ari uruhererekane mu muryango, ku buryo Umusizi yabyaraga abasizi.

Urugero:-Nzabonariba yabyaye Bagorozi, Bagorozi abyara Mbaraga, Ngogane na Kibarake.

-Karimunda yabyaye Musare, Musare abyara Nyakayonga.